



CONSEIL PROTESTANT DU RWANDA (C.P.R)

P.o Box 79 Kigali - Rwanda

Telephone : +250 252 583554/583553/585825

Fascimile : +250 252 583554

E-mail : cpr@rwanda1.com

Website : www.cpr-rwanda.org

URUHONGORE



Icyiciro cya mbere

Umutwe wa 1: Imana Umuremyi wa byose 8-19

Isomo rya 1: Ibyo Imana yaremye

Isomo rya 2: Imana yaremye Ijuru n'isi

Isomo rya 3: Imana yaremye ibimera

Isomo rya 4: Imana yaremye inyamaswa

Isomo rya 5: Imana yaremye izuba, inyenyeri n'Ukwezi

Isomo rya 6: Imana irema umuntu

Umutwe wa 2: Yesu Kristo 20-26

Isomo rya 1 : Kuvuka kwa Yesu (Luka 2: 1-7)

Isomo rya 2 : Yesu Kristo ni umukiza

Isomo rya 3 : Yesu Kristo inshuti y'abana

Isomo rya 4 : Yesu Kristo abana natwe

Isomo rya 5 : Kuba umwigishwa wa Yesu Kristo

Umutwe wa 3: Urukundo 27-34

Isomo rya 1 : Urukundo

Isomo rya 2 : Imana iradukunda

Isomo rya 3 : Gukunda Imana

Isomo rya 4 : gukunda umurimo

Isomo rya 5 : Gukunda itorero

Umutwe wa 4: Icyaha 35-42

Isomo rya 1 : Icyaha ni iki ?

Isomo rya 2 : Ububi bw'icyaha

Isomo rya 3 : Kwirinda icyaha

Isomo rya 4 : Kwihana icyaha

Umutwe wa 5: Imbabazi 43-52

Isomo rya 1 : Dukeneye imbabazi

Isomo rya 2 : Imana ni inyambabazi

Isomo rya 3 : Gusaba imbabazi

Isomo rya 4 : Kubabarira

Isomo rya 5 : Kwiwunga

Umutwe wa 6: Gusenga 53- 57

Isomo rya 1 : Gusenga ni iki?

Isomo rya 2 : Guhimbaza no Gushima

Isomo rya 3 : Gusenga no gusengera abandi

Isomo rya 4 : Kwihana

Ibitabo byasohotse

Uruhongore 2010 (Amapaji 60)
Uruhongore 2011 (Amapaji 60)
Uruhongore 2012 (Amapaji 60)
Uruhongore 2013 (Amapaji 66)

© Conseil Protestant du Rwanda (CPR)
Bureau National de l'Enseignement Protestant (BNEP)

Tout droit de reproduction est réservé au Conseil Protestant du Rwanda
P.O. Box 79 Kigali- Rwanda
Tel.: + 250 252 583554/583553/585825
Fax:+250 252 583554
E-mail: cpr@rwanda1.com
Website:www.cpr-rwanda.org

Triburiro

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ni imwe mu nkingi zikomeye ivugabutumwa mu matorero rigomba kwitaho by'umwihariko. Kugirango iryo vugabutumwa mu bana rikorwe neza, ni ngombwa ko dushyira imbaraga mu guhugura abarimu b'ishuri ry'icyumweru ry'abana, gushishikariza ababyeyi gutoza abana ubukristo no gutegura imfashanyigisho abarimu bakwifashisha. Ni muri urwo rwego, Inama y'Abaprotestanti mu Rwanda (CPR) ikomeje gutegura izo nyigisho no guhugura abapasitori n'abarimu b'ishuri ry'icyumweru ry'abana kugirango abana barusheho kwitabwaho.

Uruhongore, icyiciro cya mbere ruje kunganira ibindi bitabo by'Uruhongore byasohotse kuva mu mwaka wa 2010 mu kunoza uburyo bwo kuvuga ubutumwa mu bana bato b'imyaka 3 kugeza ku myaka 5. **Iki gitabo kizafasha abigisha kwita by'umwihariko ku ivugabutumwa mu bana bakiri bato cyane.** Barimu, bavugabutumwa mu bana, umuhati wanyu si uw'ubusa ku Mwami wacu Yesu. Imana ikomeze kubafasha mu murimo mwiza yabahamagariye wo kuragira abana b'intama za Yesu Kristo. **Umubyeyi agitunze mu rugo byamufasha kwigisha abana be ijambo ry'Imana.**

Intego nkuru z'ishuri ry'icyumweru ry'abana



Rev.Dr. Rugambage Samuel
Umunyamabanga Mukuru wa CPR

GUSHIMIRA

Turashimira cyane abaduteye inkunga Outreach Foundation kugirango iki gitabo cyandikwe. Turashimira abagize ubwitange n’umwete wo gutegura izi nyigisho z’abana b’ishuri ry’icyumweru, icyiciro cya mbere *“Uruhongore, icyiciro cya mbere”*. Turashimira n’abazisomye bakazikosora, zikaba zarasohotse ku gihe. Icyifuzo cyacu ni uko zarushaho kugirira akamaro abana bacu ngo bakurire mu Ijambo ry’Imana.

Imana ibahe umugisha.

Inama y’Abaprotestanti mu Rwanda

Abateguye inyigisho:

Rev. Dr. Appoline Kabera
Rev. Bienvenu Musabyimana
Rev. Pierre Claver Bisanze
Mme Pudencienne Mukankusi
Mme Immaculée Mukantabana

IMPAMVU Y'ISHURI RY'ICYUMWERU RY'ABANA BATO MU ITORERO

Nyuma y'ibitabo by'Uruhongore 2010, 2011, 2012 na 2013 byasohotse, abarimu bigisha ishuri ry'icyumweru ry'abana bifuje ko hakorwa inyigisho zihariye zo kwita ku cyiciro cya mbere cy' ishuri ry'icyumweru ry'abana kuko byagaragaye ko zikenewe cyane. Ni muri urwo rwego Inama y'Abaprotestanti mu Rwanda yashyizeho ingamba zo gukora imfashanyigisho zihariye za kiriya cyiciro.

Nyuma y'imyaka ine ishize CPR itegurira abarimu bigisha Ishuri ry'Icyumweru ry'abana imfashanyigisho yise « **Uruhongore 2010, 2011, 2012 na 2013**», **yiyemeje gutangira kwita kuri buri cyikiro cy'abana**. Uyu mwaka wa 2014, yahisemo kwita by'umwihariko ku bana b'icyiciro cya mbere. Izakomeza guhugura abapastori n'abarimu b'ishuri ry'icyumweru ry'abana mu kongerera ubushobozi abavugabutumwa mu bana n'uburyo bwo gukoresha izi mfashanyigisho.

IMIKORESHEREZE Y'IKI GITABO

Ishuri ry'icyumweru ry'abana rirangwa n'ibyiciro bitatu. Buri cyiciro cyagombye gutegurirwa inyigisho mu buryo bujyanye n'imyaka y'abana. Ni muri urwo rwego Inama y'Abaprotestanti mu Rwanda yateguriye abana b'icyiciro cya mbere imfashanyigisho yihariye. **Muri iki cyikiro**, umwarimu yigisha abana Ijambo ry'Imana, yabanje gutegura isomo yifashishije ibice byo muri Bibiliya byateganyijwe. Akabwira abana mu ncamake y'interuro ngufi inyigisho y'ingenzi ashaka kubaha. Iki cyiciro gisaba kugitegurira by'umwihariko, kuko kwigisha abana bato bisaba ko umwigisha yaba yashatse imfashanyigisho zituma babyumva neza.

GAHUNDA Y'ISHURI RY'ICYUMWERU RY'ABANA

a. Ibice by'ingenzi bigize isomo

Umwarimu mu kwigisha agomba kubahiriza ibice by'ingenzi bigize isomo kandi akubahiriza iminota yagenewe buri gice.

- **Intangiriro y'isomo**

Isomo ryose rigira intangiriro. Hari ibintu by'ingenzi bidashobora kubura mu ntangiriro y'isomo: kwakira abana, kuririmba, gusenga n'ivumburamatsiko. Ivumburamatsiko rishobora kuba inkuru, utubazo ku isomo ry'ubushize, igishushanyo, agakino n'ibindi.

NB: Ni byiza ko abana bakinjira mu ishuri batanga amaturo nyuma yo gusenga no kuririmba kugirango batayata cyangwa bakayafata nk'ibikinisho

- **Isomo nyirizina**

Umwari mu abwira abana incamake y'isomo akoresheje imikino, inkuru, ibishushanyo n'ibindi bituma abana batarangara bagakurikira bafite amatsiko yo kumva.

- **Kwiyerekezaho**

Kwiyerekezaho ni uguhuza inyigisho z'isomo n'ubuzima bwa buri muni. Ni ukuvana mu isomo ryizwe ingero nziza bakurikiza zabafasha gukurira mu Ijambo ry'Imana.

- **Umusozo**

Guha abana

- a. Umurongo mugufi wo muri Bibiliya wo gufata mu mutwe
- b. Gusengera ibyifuzo bitandukanye
- c. Guha abana umukoro wo mu rugo

Umutwe wa 1: Imana Umuremyi wa byose

Imana ni yo yaremye ibintu n'abantu. (Itangiriro1)

ISOMO RYA 1 : IBYO IMANA YAREMYE

Intego


Gufasha abana gusobanukirwa ko
Imana ari yo muremyi wa byose

Intangiriro y'isomo


Gusohokana n'abana bakitegereza ibintu babona bitandukanye bakabivuga.

Imana ni yo muremyi wa byose

Imana ni yo yaremye ijuru n'isi, ibimera, ibisimba, izuba, ukwezi n'inyenyeri, umuntu, imigezi, imisozi, amazi.....



Indirimbo:




Kwiyerekezaho: Rondora ibintu Imana yaremye: izuba, ibimera, inyanja, ukwezi,...

Rondora ibintu ukunda nu by'Imana yaremye
Rondora ibintu utinya mu by'Imana yaremye


Umurongo wo gufata mu mutwe

Imana ireba ibyo yari imaze kurema ibona
ari byiza cyane (Itang 1:31)


ISOMO RYA 2: IMANA YAREMYE IJURU N'ISI (Itangiriro 1)



Intangiriro:




Umukino: Abana basiganwa bajya gusoroma imbuto




Imana yaremye isi n'ijuru


Isi dutuyemo yaremwe n'Imana kandi idufitiye akamaro kanini cyane



Yeraho ibitunga abantu n'amatungo



Tuyituramo



Kwiyerekezaho:

Akamaro k'Isi:

- 1.
- 2.
- 3.
- 4.

Ni nde waremye isi
n'ijuru?

Umurongo wo gufata mu mutwe:


Imana ireba ibyo yari imaze kurema ibona
ari byiza cyane (Itang 1:31)

ISOMO RYA 3: IMANA YAREMYE IBIMERA

Intego Gufasha abana gusobanukirwa ko
Imana ariyo yaremye ibimera byose

Intangiriro

Akaririmbo:



Imana yaremye ibimera

Kujyana abana bakitegereza ibimera bakavuga amazina yabyo.
Ibyatsi, ibiti n'imyaka




Kwiyerekezaho

Umukino: Abana bahagaze ku rusiga



Umurongo wo gufata mu mutwe:



ISOMO RYA 4: IMANA YAREMYE INYAMASWA

Intego Gufasha abana gusobanukirwa ko
Imana ariyo yaremye inyamaswa zose

Intangiriro

Umukino:



Gushyira abana ku ruziga, kuvuga izina ry'inyamaswa niba iguruka bakazamura amaboko bakayigana, yaba itaguruka bakagumisha amaboko hamwe. Uyazamuye atari igihe cyabyo aba abyishe.



Imana yaremye inyamaswa

Vuga amazina y'inyamaswa ureba kuri iki gishushanyo



Kwiyerekezaho : Abana bavuye ibisimba babona iwabo: inka, ihene, inkoko, inkwavu,
...

Umurongo wo gufata mu mutwe:

Isi n'ibiyuzuye ni iby'Uwiteka (Zaburi 24:1)

ISOMO RYA 5: IMANA YAREMYE IZUBA, INYENYERI N'UKWEZI


Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ko
Imana ariyo yaremye ibimurika

Intangiriro: Abana bibukiranye zimwe mu nyamaswa Imana yaremye

Imana yaremye izuba, inyenyeri n'ukwezi

Indirimbo:



Kwiyerekezaho: Shima Imana ko yaremye izuba, ukwezi n'inyenyeri ngo bimurike



Umurongo wo gufata mu mutwe:

Mwa zuba n'ukwezi mwe mushime Uwiteka
Mwa nyenyeri z'umucyo mwe nimumushime (Zaburi 148:3)

ISOMO RYA 6: IMANA IREMA UMUNTU

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ko
baremwe mu buryo butangaje

Intangiriro:

Indirimbo



*Imana yampaye byose ngo
mbiyikoreshereze neza*

**Amaso yo gusoma Ijambo ry’Imana
Amatwi yo kumva Ijambo ry’Imana
Umunwa wo kuvuga Ijambo ry’Imana**

**Umutima kuzirikana Ijambo ry’Imana
Amaboko gukora umurimo w’Imana
Amaguru kugenda mu nzira y’Imana**

Imana yaremye umuntu

Vuga akamaro ka buri gice cy’Umubiri





Kwiyerekezaho

Ni nde Imana yaremye bwa mbere ?



Umurongo wo gufata mu mutwe

Ndagushimira ko wandemye ku buryo
butangaje (Zaburi 139:14)

Umutwe wa 2: Yesu Kristo

Yesu Kristo ni impano twahawe n’Imana, aradukunda, araturinda , atwitaho, natwe dukwiye kumukunda

ISOMO RYA 1: KUVUKA KWA YESU (Luka 2: 1-7)

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ko

Yesu Kristo yavukiye mu isi kandi ko na we yabaye Umwana

Intangiriro : Kwitegereza igishushanyo no kuvuga ibyo babonaho



Yesu yavukiye i Betelehemu mu kiraro. Ababyeyi be ni Yosefu na Mariya

Kuvuka kwa Yesu

Kayisari Augusto yatanze itegeko ngo abantu bo mu bihugu bye byose bandikwe. Yosefu wari waravukiye i Betelehemu, ajya ku mudugudu w’iwabo kwiyandikishanya na Mariya nyina wa Yesu. Bageze i Betelehemu, nta mwanya na muto wari usigaye mu macumbi. Biba ngombwa ko bajya gucumbika mu kiraro cy’inka. Maze iryo joro Mariya abyara Yesu.

Kwiyerekezaho



Umurongo wo gufata mu mutwe:

Azitwa Imanweli risobanurwa ngo Imana iri
kumwe natwe (Matayo 1:23)

ISOMO RYA 2 : YESU KRISTO NI UMUKIZA

(Mariko 5: 35- 43; Matayo 8 :1-4; Matayo 12:9- 13; Matayo 17: 14- 18: Luka 6: 6-11)

Intego

Gufasha abana kumenya ko Yesu Kristo ari Umukiza

Intangiriro

Inkuru y'uko Yesu yakijije umwana w'umunyakananikazi (Matayo 15:21-28)

Yesu ni umukiza

Yesu akiza agahinda, umubabaro, akiza indwara, akiza gutukana, akiza gusuzugura, akiza kurwana, akiza kwiba n'ibindi.



Kwiyerekezaho

- Ni ibiki mushaka ko Yesu abakiza uyu muni?
- Gusengera abana barwaye, bababaye
- Akaririmbo


Umurongo wo gufata mu mutwe:

Mwana wanjye, kwizera kwawe kuragukijije
(Mariko 5:34)


Yesu ni Umukiza
ndamwiringiye (2),
Ndi igiti cyatewe
ku mugezi ndi
amahoro pe!
(Indirimbo 417)

ISOMO RYA 3: YESU KRISTO INSHUTI Y'ABANA

(Matayo 19 : 13- 14)



Intangiriro



Yesu ni inshuti yacu, aradukunda

Inkuru:

Kubwira abana inkuru y'ukuntu ababyeyi bajyanye abana gusuhuza Yesu maze abantu bagendanaga na we bakababuza. Ariko kuko Yesu akunda abana arababwira ati “mureke abana bato bansange” (Matayo 19:14)




Kwiyerekezaho: Wakora iki usanze undi mwana mugenzi wawe yavunitse? kumusindagiza, guhamagara umuntu mukuru akamujyana kwa muganga, ...



Ni inshuti yanjye sinzamureka
Yangiriye neza sinzamureka (2)

Umurongo wo gufata mu mutwe:



ISOMO RYA 4: YESU KRISTO ABANA NATWE

(Mariko 4: 35- 41, Matayo 8: 23-27)

Intego

Gufasha abana kumenya ko Yesu Kristo abana natwe igihe cyose.

Intangiriro y'isomo

Gusaba abana kwitegereza igishushanyo no kuvuga icyo babona



Yesu Kristo abana natwe

Kubwira abana inkuru y'abantu bamwe bari kumwe na Yesu mu bwato, maze bakagira ubwoba ngo bagiye kurohama, bagahamagara Yesu maze akabatabara.

Kwiyerekezaho: Indirimbo ihumuriza

Witinya ndi kumwe nawe
Ni jyewe Mukiza wawe
Nijye wakuremye
Nuko uri uwanjye

Umurongo wo gufata mu mutwe

Turirimbe tunezerwe
Umukiza wacu ari kumwe natwe

Ntutinye kuko ndi kumwe na we (Yesaya 41: 10)

ISOMO RYA 5: KUBA UMWIGISHWA WA YESU KRISTO (Matayo 4: 18- 25)

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa kuba umwigishwa wa Kristo icyo ari cyo

Intangiriro y'isomo

Umukino . Mwarimu akore ku mwana amubwire ngo “nkurikira”, bagende, uwo mwana na we akore ku wundi amubwire ati “nkurikira”, gutyo gutyo, kugeza igihe abana bose bagereye inyuma ya mwarimu bamukurikiye.

Kuba umwigishwa wa Yesu



Kubwira abana inkuru yo guhamagara abigishwa kwa Yesu n'uko bamukurikiye mu magambo make abana bumva . Gusobanurira abana kuba umwigishwa wa Yesu icyo ari cyo.

Kwiyerekezaho

Kubwira abana ko na bo bashobora kuba abigishwa ba Yesu, bakurikira neza Ijambo ry'Imana kandi bakora ibyo risaba ko bakora, bareka ibyo risaba ko bareka.

Umurongo wo gufata mu mutwe:

*Mwigisha, ndagukurikira aho ujya hose”
(Matayo 8: 19)*

Gusenga:

Yesu mfasha mbe umwigishwa wawe mwiza.

Indirimbo:

Jye nahisemo kuba uwa Yesu (2)
Ntabwo nzasubira inyuma

Umutwe wa 3: Urukundo

Imana yaradukunze cyane itanga umwana wayo Yesu Kristo kugirango uducungure

ISOMO RYA 1: URUKUNDO (1 Abakorinto 13: 1-8A)

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa indangagaciro z'Urukundo.

Intangiriro:

Ana yagiye ku ishuri. Ageze mu nzira ahura n'abana babi bamwambura amakayi ye kandi baramukubita




Ana yituye hasi arambarara mu nzira. Kanyoni na Joli baragiye ihene bamunyuraho barikomereza, ntibamwegura.

Nyuma haza Jojo na Kadogo bigana, bababazwa n'uko mugenzi wabo Ana ameze nabi kubera inkoni yakubiswe. Baramwegura, bamujyana kwa muganga.


Muri aba bana ni bande bagaragarije Ana urukundo?

Bamugaragari je gute urukundo?

Ibiranga umuntu ufite urukundo



Umurongo wo gufata mu mutwe:



ISOMO RYA 2: IMANA IRADUKUNDA

(1Yohana 4: 7-21; Yohana 3 : 16, 1 Yohana : 3 : 16)

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ko Imana ibakunda

Imana iradukunda



Kwiyerekezaho: Ni iki kikwereka ko Imana igukunda?

Umurongo wo gufata mu mutwe

Udakunda ntabwo azi Imana kuko Imana ari urukundo (1 Yohana 4: 8)

ISOMO RYA 3: GUKUNDA IMANA (Zaburi : 116 : 1 , Zaburi : 86 : 5 , Yohana : 3 : 16 , Abaroma : 5 : 8 , Mariko:12 : 28-34 ,Yohana : 15 :9-15 , 1 Yohana : 3 : 16, Ibyakozwe n'Intumwa 10: 2)

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ibiranga umuntu ukunda Imana

Intangiro: Ikorasi

**‘Turayikunda
Imana ni nziza
Kuko ariyo yabanje
kudukunda’**


Isomo :

Tugomba gukunda Imana kuko ariyo yabanje kudukunda,
iduha amahoro, ibyishimo, itwitaho, itumara ubwoba, iraturinda




Kwiyerekezaho:

Umuntu ukunda Imana :



Umurongo wo gufata mu mutwe:



ISOMO RYA 4: GUKUNDA UMURIMO (Yohana 5 :17 ; Efeso 2:9-10)

Intego


Gufasha abana gusobanukirwa ibyiza byo gukora

Intangiriro

1. Ni iyihe mirimo ushobora gukora uri mu rugo ?
2. Abana bakora iki ku ishuri?
3. Ni iyihe mirimo abana bakora ku rusengero ?

Isomo: Imana yaraturemye ngo dukore imirimo myiza muri Yesu Kristo.

Abefeso 2:10



Kwiyerekezaho: Gutanga ingero z'imirimo myiza umwana yakora

Umurongo wo gufata mu mutwe

Yesu arabasubiza ati « Data arakora kugeza ubu nanjye ndakora Yohana 5 : 17

ISOMO RYA 5: GUKUNDA ITORERO (Matayo 21 : 12-14


Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ko gukunda itorero ari inshingano y'abana b'Imana


Isomo: Kuganira n'abana itorero icyo ari cyo, duhereye ku gishushanyo cy'urusengero.



Mwihute muze tujye ku rusengero gusenga




Imirimo ikorerwa mu itorero:



Kwiyerekezaho : Vuga akamaro k'umukristo mwiza mu itorero no mu gihugu.

Umurongo wo gufata mu mutwe:



Umute we wa 4: icyaha

Umwana muto akwiye kumenya ko iyo atukana, iyo arwana, iyo avumana, iyo arakara ntavugishe neza abandi, iyo asuzugura ababyeyi bamutuma akanga, iyo akora ibyo bamubujije, ubwo aba akora ibibi. Kandi ibibi ni ibyaha. Ibibi Imana ntibikunda. Imana ishaka ko dukora ibyiza tukayinezeza.

Intego

Gufasha abana kumenya ko icyaha ari kibi
kandi ko ugikoze atanezeza Imana n' abantu bayo

ISOMO RYA 1: ICYAHA NI IKI ? (Itangiriro 3: 8- 20, Abaroma 3: 9-19)

Intangiriro



Umubyeyi yari afite abana babiri
Cyiza na Cyusa abatuma amazi.
Cyiza aragenda ayazana vuba,
naho Cyusa baramutegereza
baramubura.. Yari yageze ku biti
by'amacunga y'umuturanyi
abonye yeze ajya kuyiba.
Ayahaze yigira gukina umupira

Isomo :

Ni nde mu bana washimishije umubyeyi?
Muri ba bana bombi ni nde wakoze nabi? Kubera iki?

Ibyaha bibabaza ababyeyi kandi bibabaza Imana
yaturemye. icyaha ni kibi ntimukagikore.

Indirimbo : Bana ntimugire icyaha mukora
Ntimutonganishwe n'uburakare

Bana kuko muri aba Yesu Kristo
Nuko ingeso zanyu zibe ingeso ze

Kwiyerekezaho

Ni ayahe makosa mujya mukorera ababyeyi banyu ?

Indirimbo:


Yesu ni Umukiza Ndamwiringiye (2)

*Ndi igiti cyatewe ku mugezi
Ndi Amahoro pe*

Satani iyo anteye ntabwo anshobora (2)



Umurongo wo gufata mu mutwe:



Kuko bose bakoze ibyaha ntibashyikira
ubwiza bw'Imana (abaroma 3:23)



ISOMO RYA 2: UBUBI BW'ICYAHA (Abaroma 3: 23; 6: 12 – 14, 23)

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ko icyaha ari
Kibi kandi ko kizanira ibihano uwagikoze.



Isomo:



Bana ntimugire
icyaha mukora
Ntimutonganishwe
n'uburakari

Bana kuko muri aba
Yesu Kristo.
Nuko ingeso zanyu
zibe ingeso ze

Ububi bw'icyaha :

Kwifashisha
igishushanyo
cy'umuntu wafashwe
yibye abapolisi
bamujiyanye
kumufunga

Kwiyerekezaho: Twange ibyaha twe kubikora tubuze n'abandi kubikora kuko
bizanira ababikora ingaruka mbi nyinshi.

Umurongo wo gufata mu mutwe

Gusenga

Mana hindura umutima
w'abantu bakora ibibi
kugirango babireke.

Mwirinde kugirango ibyo mukora bibonekere
abantu bose ko ari byiza". (Abaroma 12:17)

ISOMO RYA 3: KWIRINDA ICYAHA (Abaroma 12: 9- 21)

Intego

**Gufasha abana kumenya ko kwirinda gukora
ibibi bituma tubana amahoro**

Intangiriro:

Abana, mbese mujya mubona ahantu hari ibi byapa ku muhanda?



Hagarara akanya gato

Stop

itegeka utwaye imodoka guhagarara kugirango atagongana n'izindi . No mu buzima tugomba kumvira inama nziza kugirango twirinde amakosa atugusha mu bibi.

Kwiyerekezaho:



1. Rondora ibyaha abana bajya bakora

2. Ni izihe ngaruka zo gukora ibyaha

3. Ni bande biyemeje kwanga ibyaha ngo bajye bakora ibyiza?

Gusenga: Mana mfasha, umpe gukura nanga icyaha, nihana kandi nkora ibyiza

Umurongo wo gufata mu mutwe


Ikibi cye kukunesha ahubwo unesheshe
ikibi icyiza (Abaroma 12: 21)

ISOMO RYA 4: KWIHANA ICYAHA

(1 Yohani 1: 8-10, 1Yohani 2: 1-2, Luka 15: 11-24)

Intego Gufasha abana gusobanukirwa ko gusaba
imbabazi bizana umunezero n'amahoro

Intangiriro:



MWARIMU ABWIRE

ABANA INKURU

Y'UMWANA W'IKIRARA

Kwihana icyaha: Umwana w'ikirara yihannye yagarutse mu rugo Se amwakira anezerewe. Mwarimu ababazeho utubazo tunganisha ku byiza

byo kwihana ibyaha.



Kwiyerekezaho: Iyo twihannye ibyaha twakoze tukabisabira imbabazi turababarirwa kandi tukishima.

Gusenga: Mana fasha abana bazerera kugirango babireke bajye baguma iwabo.

Umurongo wo gufata mu mutwe:

Uyu mwana wanjye yari yarazimiye none arabonetse; nuko batangira kwishima (Luka 15:24)


Umutwe wa 5: Imbabazi

Imbabazi zituma umubano uba mwiza hagati y'umuntu n'Imana no hagati y'abantu ubwabo. Buri wese arazikeneye.



Gusaba imbabazi,
kubabarira, kwiyunga no
kubana amahoro ni byo
biranga umukristo

ISOMO RYA MBERE: DUKENEYE IMBABAZI
(Yesaya 61:1- 4, Luka 4:16-19; Zaburi 101:1-2)



Intangiriro

Umwitoto: Abana barasubiza **oya** cyangwa **yego**



a) Igihano:

- kiranezeza.....
- kirababaza.....
- gishobora gutuma abantu bangana...


b) Imbabazi:

- zituma abantu babana neza.....
- ntituzikeneye.....
- ntacyo zimaze.....
- turazikeneye.....
- zitera umunezero.....


Dukeneye imbabazi

Inkuru y'umugore wafashwe akora icyaha cy'ubusambanyi, bamuzanira Yesu, maze aramubabarira (Yohani 8: 1- 11).

Kwiyerekezaho:




Umurongo wo gufata mu mutwe :



ISOMO RYA KABIRI IMANA NI INYAMBABAZI (Yeremiya 3: 11-25 ; Zaburi 63:1-3; Zaburi 89:1-3; Zaburi 106:1-5; Zaburi 118:1-4; Zaburi 6:1-6; Zaburi 117:1-2; 107:1)



Intangiriro



Umubyeyi w'umunyambabazi



Urukundo Imana
idukunda ruyitera
kutugirira imbabazi
z'ibyaha n'amakosa
dukora. Ni Imana
y'Inyambabazi natwe
dukwiriye
kubabarirana nk'uko
Imana itubabarira.



Kwiyerekezaho:

Iyo ababyeyi bawe cyangwa mugenzi wawe bakubabariye wumva umerewe ute?

Umurongo wo gufata mu mutwe:

Nimushimire Uwiteka yuko ari mwiza kuko
imbabazi ze zihoraho iteka ryose (Zaburi 107: 1)


ISOMO RYA 3 : GUSABA IMBABAZI (Luka 15:11-21, Zaburi 51:1-6; Itang. 33:1-4)

Intego

Gufasha abana kumenya ko igihe bakosheje
Bakwiye gusaba imbabazi.

Isomo

Kubwira abana inkuru y'umwana w'ikirara



Ni ikihe cyaha umwana
w'ikirara yakoze?

Ni bande umwana
w'ikirara yacumuyeho?

Amaze kumenya
amakosa ye yakoze iki?

Kwiyerekezaho :

Gusenga: Mana mbabarira ibyo nakoze byose bitagushimishije,
n'ibyangabaje ababyeyi n'abandi bagenzi banjye sinzongera.

Umurongo wo gufata mu mutwe:

Mana umbabarire ku bw'imbabazi zawe
(Zaburi 51:1)

- **ISOMO RYA 4: KUBABARIRA** (Mika 6:6-8, Luka 15:11-32)

Intego

**Gufasha abana gusobanukirwa ko bakwiye
kugira umuco wo kubabarira**

Kubabarira:



Kubabarira

Igihe cyose dusabye imbabazi
tubikuye ku mutima
turababarirwa. Imana irashaka ko
tubabarirana tugakundana,
tukabana neza. Kubabarirana
bitera umunezero kandi bituma
Imana itwishimira.

Kwiyerekezaho:

Ni iki cyerekena ko umuntu ababariye undi?


😊 Kumubwira ati ndakubabariye 😊 Gusangira

😊 Guhoberana, 😊 Kuganira 😊 Gukina 😊 Gusurana


Umurongo wo gufata mu mutwe:

Hahirwa abanyambabazi kuko ari bo
bazazigirirwa (Matayo 5:7)

ISOMO RYA 5: KWIYUNGA (2 Abakorinto 5:17-20, Itangiriro 45: 1-15, Abefeso 2:11-22)



Akamaro ko kwiyinga




Kwiyerekezaho:

Iyo ufitanye ikibazo
n'undi mwana wumva
umeze ute?

Iyo mumaze kwiyinga wumva
umerewe ute?

Umurongo wo gufata mu mutwe




ISOMO RYA GATANDATU: KUBANA AMAHORO

(Abaroma 12:17-21, Abakolosayi 3:12-17, Abaroma 14:17, Abaheburayo 12: 14)

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ko bakwiye kubana mu mahoro ibihe byose

Intangiriro: Abana baritegereza igishushanyo kandi basubize ibibazo bikurikira:



Ibibazo: 1. Ni ibiki mubona kuri iki gishushanyo?
2. Aba bana barakora iki?
3. Barishimye cyangwa barababaye?

Zaburi 100: 1

Kuririmbira Imana ni iby'igiciro bizana umunezero

Kubana mu mahoro

Imana idusaba kubana amahoro n'abantu bose. Iyo abantu bagize icyo bapfa bagomba kugira umwete wo kwiyinga kugira ngo babane neza mu mahoro. Ababana mu mahoro barakundana, barasabana, barasangira, barishimana.

Kwiyerekezaho



Indirimbo 171

Amahoro Yesu aha abantu be
Ntagira akagero ntaroncoreka
Ajya ahumuriza abayafite
Nutayata ntabwo wayakurwaho

Umurongo wo gufata mu mutwe:

Mugire umwete wo kubana n'abantu bese
amahoro (Abaheburayo 12:14)

Umutwe wa 6: Gusenga

Gusenga ni imwe mu ndangagaciro z'ibanze z'abakristo. Abana nabo bagomba kubitozwa bakiri bato kugira ngo bakure bafite uwo umuco mwiza.

ISOMO RYA 1: GUSENGA NI IKI ? (Yakobo 5 : 15; Abefeso 6: 18, Matayo 6, 5-13)

Intego

Gufasha abana kumenya gusenga, uko bikorwa n'akamaro kabyo.

Intangiriro :




Kuganira n'abana
ibintu bitandukanye
bajya basengera :
ibiryo, icyayi,
uburwayi n'ibindi
.....

Gusenga :



Gusenga ni ukuganira n'Imana uyibwira kandi ukayitega amatwi. Umuntu ashobora gusenga acecetse cyangwa avuga, ashobora gusenga ari wenyine cyangwa ari hamwe n'abandi. Ushobora gusenga ushima, uhimbaza Imana, usaba cyangwa usabira abandi, ushobora no gusenga wihana.


Kwiyerekezaho: Abana barasenga



Ndaguhimbaza uri Imana
nziza, ugira imbabazi

Ndagushima ko wampaye
ababyeyi, umpe kububaha
Ndihana kudasuzugura no
kurwana n'abandi bana

Umurongo wo gufata mu mutwe:



Gusenga k'umukiranutsi kugira umumaro
mwinshi iyo asengana umwete." (Yakobo 5: 16)

ISOMO RYA 2: GUHIMBAZA NO GUSHIMA (Zaburi 100)

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa uko basenga bashima kandi bahimbaza Imana

Intangiriro: Indirimbo



Uri Uwera Uwera
Mwami Imana yacu
Kare mu gitondo
Tukuririmbire
Uri Umunyembaraga
Uri Umunyebambe
Uri ubutatu uri
Imana imwe

Guhimbaza no gushima

Mu gusenga dushima tuba twibuka ibyo Imana yadukoreye maze bigatuma tuyihimbaza.

Tuba tunezerewe cyane kuko Imana iba yaradukoreye ibikomeye.

Kwiyerekezaho

Rondora ibintu 3 byatuma ushima Imana

Umurongo wo gufata mu mutwe:

Uwiteka yadukoreye ibikomeye natwe
turishimye (Zaburi 126: 3)

ISOMO RYA 3: GUSENGA NO GUSENGERA ABANDI (2 Abami 20:1-11)

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa gusenga Imana bisabira cyangwa basabira abandi.

Intangiriro: Indirimbo ya 25

Uwiteka ni Umunyembabazi,
Ni umukunzi wacu udahemuka
Ntawarondora imbaraga agira
Ntawagera umukundo rwe rwinshi

Gusenga kwa Hezekiya



Hezekiya
yasenze
yisabira
Imana gukira.



Vuga ikintu kimwe:
Wasaba Imana
Wasabira Imana Imbabazi
Buri mwana avuge umuntu
urwaye azi yumva yasengera
kugirango Imana imukize

Kwiyerekezaho:

Abana batange ibyifuzo
byo gusengera

Umurongo wo gufata mu mutwe:

Musabe muzahabwa, mushake muzabona,
mukomange muzakingurirwa(Luka 11: 9)

ISOMO RYA KANE: KWIHANA (Zaburi 51: 1-12)

Intego

Gufasha abana gusobanukirwa ibyiza byo kwihana.

Intangiriro:



Mu gitondo nibye igiceri cyo
kugura bombo. Tugiye
gusenga nimugoroba, nsaba
mama imbabazi z'icyo cyaha
nakoze. Arambabarira. None
ndanezereweeeeee!!!!!!

Kwihana: Kubwira abana inkuru ya Dawidi
yihana icyaha yakoze (Zaburi 51: 1- 12)

Kwiyerekezaho:

Vuga ibintu bibiri ushaka gusabira imbabazi kugira ngo Yesu akubabarire.

Umurongo wo gufata mu mutwe:

Mana umbabarire ku bw'imbabazi zawe
(Zaburi 51: 3)

Ibitabo byifashishijwe mu gutequra izi nyigisho

- AFIREM, 1990. L'Enfance Maltraitée : Du Silence à la Communication. Paris : Karthala.
- Bibiliya Ijambo ry'Imana 2004
- Bibiliya Yera 2001.
- Child Evangelical Fellowship Ministry, brochures (1983)
- Coon, J. et al 1978. *Imibereho ya Gikristo yo mu Muryango*. Kigali : M.N.C
- De Benoit, C.L. 1969. *Communiquer l'Evangile aux Enfants*. Lausanne: LLB
- Delfonse, F. 1967. 'Capables d'Enseigner' in : Journal de la Société des Ecoles du Dimanche. Paris, No 4
- Education Department EER/DK, Brochure 2009
- Education Department/EER/DK, Igitabo cy'abarimu b'abana brochures
- Georgette, B. 1992. *L'Esprit Absorbant de l'Enfance*. Paris : Desclé de Brouwer.
- Golse, B. 2001. Le Développement Affectif et Intellectuel de l'Enfant 3rd Ed. Paris : Masson
- Houtart, F. 2009. 'Contre le Travail des Enfants' in : Alternatives Sud. Centre Tricontinental : Syllepse.
- La Bible déchiffrée, une introduction à la lecture de la Bible, Ligue pour la Lecture de la Bible, Guebwiller, 1983
- Utubuto twa Bibliya, Société Biblique, du Rwanda, Kees de Kort
- La Bible, TOB, Edition Intégrale, 1994, Paris : CERF.
- Leon-Dufour, X et al. 1964. *Vocabulaire de theologie Biblique*. Paris: CERF
- Lise de Benoit, C. 1993. L'Important, C'est L'Enfant. Lausanne: LLB
- Living World Curriculum, 1987. *A travers la Bible: Programme pour l'Ecole du Dimanche*. California: Le Bon Livre.
- LLBR 2001, Manuel Pedagogiques pour l'utilisation des jeux, brochures
- Lurçat, L. 1994. Le Jeune Enfant Devant les Apparences Télévisuelle. Paris : Desclé de Brouwer
- Maillard, A. 1990. Dimanche et Fetes Chretiennes: Histoire des leurs Origines. Aubonne: Moulin
- Munderere, A. 2007. 'La Pertinence de l'Ecole du Dimanche dans la Croissance Complète de l'Eglise', Mémoire
- Piaget, J. 1986. *La Psychologies de l'Enfant*. Paris: PUF
- SANSSA Christian Ministry, brochures no 1
- SANSSA Christian Ministry, brochures no 2
- SANSSA Christian Ministry, brochures no 3
- SANSSA Christian Ministry, brochures no 4
- Spock, B. 1965. Comment Soigner et Eduquer son Enfant. Paris : Gérard.
- Tieche, M. 1966. *L'Education Portera Ses Fruits*. Dammarie-Les-Lys: S.D